Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha), yo munyakuri w'umwizerwa kuruta abandi yaratuganirije igira iti “Mu by’ukuri, buri wese muri mwe iremwa rye ribera mu nda ya nyina; mu gihe cy’iminsi n'amajoro

Hadithi yaturutse kwa Abdullah Ibun Masud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha), yo munyakuri w'umwizerwa kuruta abandi yaratuganirije igira iti “Mu by’ukuri, buri wese muri mwe iremwa rye ribera mu nda ya nyina; mu gihe cy’iminsi n'amajoro mirongo ine aba ari intanga, hanyuma nyuma y’igihe kingana n’iminsi nk’iyo akaba akabumbe k’amaraso, hanyuma nyuma y’igihe kingana n’iminsi nk’iyo akaba ikinyamanyama, hanyuma Allah akamwoherereza umumalayika akamugenera ibintu bine bikandikwa: Amwandikira amafunguro ye, ikizamwica, icyo azakora, ndetse niba azaba mwiza cyangwa mubi, ndetse umumalayika akamuhuhamo roho. Kandi umwe muri mwe ashobora kurangwa n'ibikorwa by'abantu bo mu ijuru kugeza ubwo hagati ye na ryo haba hasigaye intera ireshya n’ukuboko (kuva ku rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora) maze igeno rikamuganza agakora ibikorwa by'abantu bo mu muriro akawinjiramo. Nanone kandi umwe muri mwe ashobora kurangwa n'ibikorwa by'abantu bo mu muriro kugeza ubwo hagati ye n’umuriro hasigaye intera ireshya n’ukuboko (kuva ku rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora) ngo awinjiremo, maze igeno rikamuganza agakora ibikorwa by'abantu bo mu Ijuru akaryinjiramo."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Ibun Masuud yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yo munyakuri mu byo ivuga byose, w'umizerwa aho Allah yabishimangiye yaratuganirije igira iti: “Mu by’ukuri, buri wese muri mwe iremwa rye ribera mu nda ya nyina, igihe umugabo aba akoranye imibonano n'umugore we intaga ze zinjira zitatanye maze zigakoranyirizwa muri nyababyeyi iminsi mirongo ine igashira ari intanga, Hanyuma zikaba akabumbe k’amaraso kaba ahanini ari amaraso ameze nk'ayavuze akomeye mu gihe kingana n’iminsi nk’iyo mirongo ine ya kabiri, Hanyuma akaba ikinyamanyama mu minsi mirongo ine ya gatatu, Hanyuma Allah akamwoherereza umumalayika iminsi mirongo ine ya gatatu irangiye, akamuhuhamo roho; Allah akanategeka wa mu malayika ko amwandikira ibintu bine: Amafunguro ye ari zo ngabire ze zose amugenera muri icyo gihe, ikizamwica, ari cyo gihe azamara ku isi, N'icyo azakora, umurimo uzakora ni uwuhe? Ese azaba mwiza cyangwa mubi? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije irarahira ko umuntu ashobora kurangwa n'ibikorwa by'abantu bo mu ijuru nk'uko bigaragarira abantu, agakomeza kurangwa nabyo kugeza ubwo hagati ye no kuryinjiramo haba hasigaye intera ireshya

n’ukuboko (kuva ku rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora), maze igeno yagenewe rikamuganza agakora ibikorwa by'abantu bo mu muriro akawinjiramo. Kuko impamvu ituma yakirirwa ibikorwa bye ni ukubishikamaho ntahinduke. Undi muntu ni ushobora kuba arangwa n'ibikorwa by'abantu bo mu muriro kugeza ubwo hagati ye n’umuriro hasigaye intera ireshya n’ukuboko (kuva ku rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora) ngo awinjiremo, maze igeno rikamuganza agakora ibikorwa by'abantu bo mu ijuru akaryinjiramo."

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65037